

**AMASENGESHO Y'UMUNTU UMWE**

**UMUYOBORO UGUFASHA KUGIRA AMASENGESHO YAWE**

**CYANDITSWE NA**

**MWENEDATA YOHANA KAROLI, F.O.D.C**

**Ukwakira 2008**

Uberanganzira bw'umwanditsi @2008 Mwenedata Yohana Karoli, F.O.D.C.  
Uburenganzira bwose ni ubwa nyir'igitabo. Nta bice by'iki gitabo bigomba gukoreshwa mu buryo ubwo ari bwo bwose bwaba ubusanzwe, ikorana buhanga cyangwa se ubwa mudasobwa hadatanzwe uburenganzira mu nyandiko buvuye ku wasohoye iki gitabo. Keretse uwandika incamake y'iki gitabo cyangwa utanga ibitekerezo kuri cyo ni bo bafite uburenganzira bwo gukoresha ibice bimwe na bimwe by'iki gitabo mu binyamakuru, cyangwa se mu itangaza makuru.

Cyasohowe na:  
Umurayngo udakorera inyungu wa Wilkins,  
Agasanduka k'iposita 48821  
Athens, GA 30604

Cyakosowe na Jan Brown

ISBN NO. 0-9676257-3-4

Cyandikiwe muri Leta Zunze Ubumwe Z' Amerika

Kuri Jan, Incuti nyanshuti n'umwanditsi w'indakemwa

## **IBYEREKERANYE N'UMWANDITSI W'IKI GITABO**

Mwenedata Yohana Karoli ni umushumba mukuru wacyuye igihe w'itorero ry'Abangilikane risesuye (Anglican Catholic Church). Atuye i Maitland, muri Australia.

Mugihe gishize Yohana Karoli yari akuriye umutwe w'Abafaransiskani b'Impuhwe z'Imana; umutwe w'abihaye Imana mu itorero ry'Abangilikani risesuye. Yabaye umuyobozi n' igisonga cy'umushumba wa Diyosezi ya Australia mbere yuko Imana ishima ko aba umushumba wa Diyosezi ya New Orleans mu itorero ry'Abangilikani risesuye. Mbere yaho ariko, Yohani Karoli yari igisonga cy'umushumba wa Adelaide n'umudiyakoni mukuru wa Eyre Peninsula muri Australia. Igihe kimwe yabaye umushumba muri Polenezia, ndetse yigeze no kuba igisonga cy'umushumba wa Worcester, Chelmsford na Southwark mu gihugu cy'u Bwongereza. Muri Leta zunze ubumwe z'Amerika, yigeze kuba uwungirije umwarimu mukuru muri Seminari ya Nashotah wigisha tewolojiya y'abihaye Imana bakitandukanya n'isi yanduye (Ascetic Theology). Yabaye n'uwungirije umushumba wa Quincy, n'umukuru wa Seminari ya Holyrood, i New York.

## INTERURO

### Amasengesho y'Umuntu Umwe no Gushima

Ni ibyo gushidikanya kandi birimo n'amakenga ko nsangira namwe aya masengesho. Mu myaka myinshi ishize namenye ko bifasha ndetse bikanungura umuntu iyo asenga afite ikaramu mu kiganza cye. N'abandi babona ko kubikora bifite inyungu nyinshi. Imyizerere yanjye ishimangira ko ibyo udasengeye biba bitumvishwe, bitejewe ndetse ko biba bidacunguwe, niyo inshishikariza kwerekana imibanire yanjye n'Imana mu masengesho, ndetse ikampa n'ibyiringiro ko n'abandi bazasoma aya masengesho azabayobora mu nzira yo kuganira n'Imana Rurema mu buryo burambuye kandi buhamye.

Singishobora gukoresha ibitabo byo mumasomero manini kubera ngeze mu zabukuru; niyo mpamvu ntashobora gutanga ibihamya by'inyandiko zose nakoresheje, yemwe nta nubwo nshobora kwerekana ibitabo nazivanyemo. Kubera izo mpamvu ndasaba ko abandika ibitabo bakanatanga uburenganzira bwo kubikoresha banyumvana ukwihangana.

Johani Karoli

Umushumba n'umuyobozi mukuru

## **AMASENGESHO YO KU MWUKA WERA**

### **ISENGESHO RY'UBUBYUTSE**

Mwami, uyu muni ku bw'iyobera rya Pentekote wejeje itorero ryawe mu mahanga no mu bantu bose. Turagusaba gusesekaza ku isi yose impano z'umwuka wera wawe no gukomeza gushyira mu mitima y'abakwizera wa murimo w'urukundo watangiye ubwo ubutumwa bwiza bwabwirijwe ku nshuro ya mbere. Amina.

### **ISENGESHO RY'UMWUKA WERA**

Data w'umucyo, wowe buri mpano nziza iturukaho, turagusaba kohereza mu mitima yacu umwuka wawe ufite imbaraga nk'izumuyaga udakumirwa, no ku bw'ubwenge bwawe gufungura ubwenge bwacu. Gorora indimi zacu kugira ngo tuguhimbaze mu ndirimbo zigizwe n'amagambo asumba ay'ibihangano bya kimuntu, kubera ko atari ku bw'umwuka wawe, ntabwo twashobora kurangurura amajwi yacu mu magambo y'amahoro, cyangwa se kwamamaza ukuri kuvuga ko YESU ari UMWAMI. Amina.

†††

Nta kindi ngushakaho, Mwami, keretse urukundo rukuruka mw'ijuru, ni wowe gusa nifuza, ni wowe gusa nshaka. Mwami akira aya magambo, kandi urusheho kuyashimangira no kuyagira impamo mu mutima wanjye. Amina.

†††

## ISENGESHO RYO GUHINDUKA GUKOMEYE

Mwami, Mana, Data, ndagusaba ubuntu bwo kutagira icyo ndarikira kugira ngo nshobore kwishima muri byose; ndagusaba ubuntu bwo kudashaka kwiratana ubwenge kugira ngo nshobore kumenya byose; ndagusaba ubwisanzure butarangwa n'irari ry'ikintu icyo ari cyo cyose cyangwa se umuntu uwo ari we wese kugirango nshobore gukunda ibintu byose n'abantu bose. Ndagusaba, Mwami, gutuza n'amahoro, kwa gutuza kutagira imbogamizi, ya mahoro akomeye yo mu mutima kugira ngo nshobore guhindurwa kandi ndeke no kuyoborwa no kurarikira kwigwizaho ubutunzi, ubutegetsu, no kuba gito, kugira ngo unkure mu munezero uterwa n'ibyisi, mu kwiganyira, muburakari, mu gahinda, no mu gihombo. Mwamwi, komeza umpe kwicisha bugufi kandi umpe kubishyira mu bikworwa. Amina.

†††

Ndagushima cyane, kuko wowe nanjye twabaye umwuka umwe, ubumwe buzira ivangitiranya. Udahinduka kandi udahindurwa, Mana isumba byose, wambereye byose muri byose: ibyo kurya bitagira ingano kandi birenze imyumvire y'abantu, naherewe ubuntu kandi bihora bigaburira ubugingo bwanjye; isoko ituruka mu mutima wanjye, igishura cy'umucyo, ushengura abadayimoni; kwezwa gutuma mpinduka uwera mu marira yera kandi adashira, aboneka ku bantu bose ugenderera. Amina.

†††

Ndagushima kuko wambereye umucyo utazi umugoroba, izuba ritarenga. Ndakwinginze murika mu mutima wanjye. Ntabwo wakomeza guhishwa, kuko wuzuzwa ibintu byose ubwiza bwawe. Ntabwo ujya wihisha umuntu uwo ari we wese, ariko twe turakwihisha iteka. Mbega ubugoryi budasanzwe! Turihisha, ntabwo twifuza kukwegera. Ese twakwihisha he ko nta hantu nahamwe twabona uburuhukiro? Cyangwa se kuki twihisha kandi nta hantu twabona uburuhukiro? Cyangwa se kuki twihisha kandi tutagira uwo dutinya kandi nta nuwo twihisha? Amina.

†††

Shinga ihema ryawe muri nje, Mutware nyir'ubuntu; kuva ubu ibere muri nje kandi ukomeze kuba mu mugaragu wawe, twibanire iteka ryose. Ndasaba kugira ngo umunsi nzava kuri iy'isi ndetse na nyuma y'aho nzabe muri wowe kandi nzabane nawe ku ngoma wowe Mana isumba byose. Mutware, komeza ubane nanjye, ntunsige nnyenyine. Igihe abanzi banjye bahora bashaka kwangiza ubugingo bwanjye, bazasanga uri muri nje, bazirukanka, kuko nta bushobozi na buke bazaba bafite kuri nje, kandi bazabona ko wowe usumbaye imbaraga washyize ubuturo mu bugingo bwanjye. Amina.

†††

Ntabwo wigeze unyibagirwa, Mutware, ubwo nari mu by'isi no mu bujiji bukomeye; ahubwo wampisemo untandukanya n'isi hanyuma unshyira mu bwiza bwawe. Komeza umfashe kandi ubuturo washyize muri nje butahungabana. Nubwo ndi umupfu, ndiho iyo nguhanze amaso. Naho naba ndi umukene ngufite ndi umukire iteka ryose, mfite ubukungu busumba ubw'umuyobozi uwo ari we wese.

Kukurya no kukunywa, kukwambara buri munsi, bizatuma nuzuzwa ibyishimo n'imigisha bitarondoreka, kuko uri buri mugisha, umunezero n'ubwiza bwose; guhimbazwa kose ni ukwawe.

Uhimbazwe uwera mutangabugingo ubutatu butagatifu, usengwa kandi uhamywa n'abizera, nyiri guhimbazwa Data, Umwana n'Umwuka wera kuva none n'iteka ryose. Amina.

†††

Mana, waraturemye.  
Yewe Mana, waraducunguye.  
Yewe Mana, ukomeza kudufasha.  
Ndagusenga kandi ndaguhimbaza.

YESU,  
Icyuzuzo cya byose.  
YESU,  
Yesu ahantu hose: buri gihe YESU  
YESU,  
YESU,  
YESU,  
Kugukunda, kugukorera.  
Guhimbaza izina ryawe mu bumwe bw'UBUTATU- uru  
nirwo rufunguzo.

†††



Data, nishyize mu maboko yawe kugira ngo unkoreshe icyo ushaka. Ngushimiye icyo wakora cyose. Niteguye byose; kandi byose ndabyemera. Reka gushaka kwawe gukorwe muri nje no mu byaremwe byose. Yewe mwami wanjye nta kindi nshaka kitari iki. Nshize ubugingo bwanjye mu biganza byawe. Ndabuguhaye n'urukundo rwose rw'umutima wanjye, kuko ngukunda Mwami, kandi nkeneye kwitanga, kwishyira mu maboko yawe ntashidikanya mu rukundo rwanjye no mu cyizere cyanjye kitagira imbibi, kuko uri Data. Amina.

†††

## BIMWE MU BINTU BIDUFASHA MU NZIRA ZO GUSENGA

Amasengesho ashobora kuba amagambo, indirimbo, ibisigo, ibihe by'umutuzo, ndetse ashobora gukorwa umuntu agenda. (Reba Zaburi 86,88,18,19 na 23). Urukundo ni ishingiro ry'isengesho nyakuri uhereye ku magambo, ariko amagambo arushaho kuba make, akarushaho kuba akora ku mutima, kandi akurushaho kuba ahinnye.

Mu mutuzo—Zaburi 108

Mu kwibwira mu mutima- isengesho mu bitekerezo

Mu kugereranya mu ntekerezo

Mu buryo bwerekeranye n'ubwenge

Mu gukuresha Ibyanditwe Byera

Mu mutima n'intekerezo biri hamwe—mu rukundo, mu kumenya mu bwitonzi no mu gusubiza Imana, Data, Mwana, na Mwuka Wera.

Iyo hashize umwanya amagambo agatangira guhinduka menshi kandi adakenewe, ndetse akaba yaba inzitizi. Usenga ashobora gutangira isengesho ryoroshye. Agatangira kuganira n'Imana mu mutima we, agatera ijisho ku mana mu rukundo, mu ntego iboneye.

Hashobora kubaho, ndetse birashoboka ko hazabaho kudasubizwa, umwijima, ndetse no kubabazwa mu buryo bw'umwuka. Iyo bigenze bityo, umuntu yafashwa n'amasengesho yo kwihana, amasengesho asubirwamo, ishapure; no ku bantu benshi ikintu cyiza birushijeho ni isengesho Yesu yigishije abigishwa be. Uyu mwanya ushobora kuba umwanya wo gutera intambwe mu by'umwuka iyo turetse za gahunda tugenderaho mu masengesho, ndetse nubwo haba mugaha gato, umuntu akareka intekerezo ze, kuberako ziba zitakiri ngombwa muri iyi ntera y'amasengesho. Bituma tudashobora kwibanda ku bintu bimwe na bimwe. Dushobora kugaragara nk'abasigaye bonyine, nk'abatagira gihoza. Ariko ntabwo ukwiye gucika intege, kuko uyu mwanya ushobora kuba intagiriro y'igihe cyo kwinjira mu masengesho by'ukuri. Iki nicyo gihe cyo gusubiza itegeko rivuga ngo, “Ni mworoshye mumenye ko ari jye Mana.” Ubwo duhita dukomeza kugira icyifuzo cyo koroshya, tukemerera Umwuka Wera kutuyobora, tukaruhukira mu Mana yonyine, tukareka urukundo rwacu rugasesekara k'Ubutatu bwera bwahawe umugisha. Tugategereza amahoro ngo turuhuke. Nibwo Imana idusanga, tukaruhukira muri yo.

Kubyerekeranye n'inzira z'isengesho nyakuri, tekereza kuri Yohana 14:15; 14:21 na 14:23. Imana itwegereza ku mbaraga z'urukundo n'ubuzima bwayo, mu gihe turi mu rwiherero nyakuri. “Byose bizaba byiza n'uburyo bwo gukora ibintu byose buzaba bwiza.”

†††

Mana, Data wa twese, uri hejuru ya byose kandi uruta byose: nemera ko uri mushya uko bukeye. Ngwino uvukire mu jye uyu muni, ndetse uyu mwanya. Nemera ko urimo ukora imirimo itandukanye mu isi yawe. Fungura umutima wanjye n'ubwenge bwanjye, kugira ngo buri muni nshobore kumenya no kwakira ibintu bishya urema. Uriho. Menyesha ko ntagomba gutungurwa iyo ukoze ibidateganijwe. Mfasha guhora nsobanukirwa ko ari wowe mahirwe masa aruta byose. Ntabwo twaremewe kuba imfungwa z'iyi si. Uri hano hamwe nanjye, hafi yanjye. Amina.

†††

Ube muri jye, wowe utagenzurwa, nyirurukundo iteka ryose. Nemeye ko Imana, Mwuka Wera ubu akora mu itorero, mu isi, no muri jye wese. Ni umwuka wo kurema no kurema bushya.

Mana, Data, ndi hano hamwe nawe, data—Data na Yesu—Data, urukundo rwa data, urukundo rwa data, urukundo umfiteye. Data ushobora byose, uri hano hamwe na jye; ntabwo ndi jyenyine. Uri hano, data, ukuri kose—hano—hamwe na jye. Mwese hamwe mugira urukundo—hano mwese muri abera, mwese muri Imana, mwese—hano, uyu mwanya. Muri hamwe najye iteka ryose, hamwe najye—umunyabyaha, icyigomeke, uwari yarayobye ariko ubu nkaba ndi mu nzira—Haleluya! Ndagusha kandi uri hano. Uyu mwanya—buri gihe. Amina.

†††

### **Umwana w'Umugiraneza**

Mugenga Yesu, Mwami, ndi umwana wawe. Ube muri jye—kandi umbere—umugenga wa byose. Ndi umwana wawe wakomerekejwe n'ubujiji bwe ndetse no kutumvira kwe kwatewe n'irari—ndababaye, kandi ndigunze.

Mwami, ndemera; kandi ndashaka kwemera bidasubirwaho, kwemera by'ukuri. Nyongerera ukwizera. Umfashe kugira kumvira guturutse mu kwizera. Uramfasha kandi uransubizamo imbaraga. Gushimwa ni ukwawe, Mwami. Ndagushima ko wankijije kandi ukampa ubugingo. Uri umukiza wa bese, niwowe usubiza imbaraga mu bantu bese. Kuko ari wowe utanga byose, kandi uratwiha ndetse ukaduha byose nta kiguzi. Data, werekane ubwiza bwawe muri jye. Ucane itabaza muri jye, ucane itabaza ubinyujijemo. Amina

†††

### **Iriba rya Betesida**

Uyu muntu wari umeze nkanjye, yari afite ubumuga, agoswe n'ubwoba ndetse no gutsindwa. Ibi byatumye agaragarira abandi bantu ko ntacyo ashoboye, yari ababereye umutwari. Bimwe muri ibi byamubayeho nanjye bindiho. Muri uyu mwanya ndagusabye ngo umfungure. Kuko ku bw'imbaraga zawe nshobora kwikorera umutwari wanjye ndi kumwe nawe, Yesu. Kwikorera umutwari ni ikimenyetso cyo gukira no gufungurwa. Amina.

†††

### **Kwera kw'Imana**

Mwami Mana Nziza, erekana ububasha bwo kubaho kwawe kose ndetse werekane ko ntacyo nakwishoboza. Ntacyo mfite; ntacyo ndicyo; ntacyo nakwishoboza. Mfasha gushaka kurusha ibindi byose kuba i Yerusalemu, umujyi w'amahoro, mpabwe umugisha nawe, Yesu, maze nibere mu mahoro hamwe nawe, mu mahoro no mu rukundo.

Ese nzagukunda nk'uko bikiwirye ryari, Mwami? Ese nzagukunda nk'uko unkunda ryari? Unkure mu rukundo rwose rutaboneye kugira ngo ngukunde byuzuye rwose. Amina.

†††

## **Kwitanga**

Data, ndakwihaye wese, ubwenge bwanjye butekereza, ururimi rwanjye ruvuga, umubiri wanjye ukora, ndetse n'imibereho yanjye ishingiyeye ku gitsina kugira ngo uyeze kandi uyuzuze. Nguhaye imibereho yanjye yo mugihe cyashize, kugira ngo umbabarire. Igihe cyanjye kizaza kugira ngo umpe kwizera. Igihe cyanjye cy'ubu kugira ngo umpe kubaho. Igihe cyanjye kizaza kugira ngo nzabane nawe. Uhindure ituro ryanjye ituro ry'ukuri. Weze imigambi yanjye. Uhe imbaraga gushaka kwanjye. Ukomeze icyo ngamije. Umpe kwizera guhamye. Ukunde urukundo rwanjye rudakwiye nkaho ari igitambo. Mwami, ndi imbere yawe unkoreshye icyo ushaka. Amina.

†††

## GUKORERA IMANA N'ABANTU

**“Dore byose ndabihindura bishya, Yesu Kristo nibwo bushyashya buboneka mur’ibyo bintu.”** Ibyahishuwe 21:5.

Mwami, buzima bushya, ndakwihaye kuko ngomba guhindurwa mushya mu ishusho yawe kugira ngo nse nawe, kandi kugira ngo unshyire muri rya rema rishya, ari ryo wowe, mbe mushya mu mubatizo, ngirwe mushya mu kwizera no mu ipfa ryawe, mushya buri muni nk’urukundo rwawe, buri gihe mushya. Haleluya! Ubuzima burashimisha.

Nibyiza kuba muzima, Mugenga mwiza, kuko bihora ari bishya. Uri mushya, kandi ku bw’ubuntu bwawe ushoboka kumpindura mushya. Amina.

†††

Urukundo ni agahebuzo, Mwami, rutuma dukora ibintu byinshi bishimisha, cyangwa se tugakora ibintu bigayitse; rugira ihuriho ridasanzwe ry’umunezero n’umubabaro. Niwowe nkunda—icyo ni ikintu gikomeye cyane! Ndashaka kutabitezukaho. Nifuza ko aribyo biyobora ubuzima bwanjye. Urukundo rwawe ndarubona hano muri akakanya: urukundo rurindira kandi rugakomeza gukura, urukundo rw’ababyeyi banjye; kwitabwaho n’impuhwe za bashyiki banjye na benedata; urukundo rwa babyara banjye; urukundo rukomeye rw’inshuti, iza kera ndetse n’inshuti za vuha; urukundo rwa bagenzi banjye bo mutwe w’abafaransisikani. Ikigaragara cyane muri ibi byose nuko urukundo rwanyu rukomeza kungeraho kandi nkarugeza no ku bandi—abana, abababaye cyane, uwihaye Imana muto cyane kuri njye wanyiseho kandi akamfasha ahantu henshi cyane. Mwami uduhe impano y’urukundo kugira ngo turusangire. Udufashe kugira ubuntu no kwera mu gutanga no kwakira. Amina.

†††

Mwami, mukunzi w'ubugingo bwanjye, n'umubiri wanjye hamwe n'imbaraga zawo zose, unkunda uko ndi kose. Umfashe kurushaho kukubona neza nk'uko uri: Mugenga w'ubuzima bwose, mugenga w'ubu buzima, mugenga w'ibyaremwe byose, mugenga w'aha hantu hato; mugenga wiyeretse abanyabwenge bakomeye ndetse n'abana, wowe uduha ubumenyi bw'imyuga, kuririmba, gusiga, kwandika; mukundwa buri gihe cyose. Umpe ubwiza, imbaraga, n'ubudakemwa bituruka kuri wowe. Ube muri jye, ube itabaza ryakira muri jye, kandi ugere ku bandi bantu unyuze muri jye. Ndi hano: umfate, unkoresha, kandi umpe umugisha. Nibiba ngombwa, unshenjagure. Mwami, ndi hano. Umfashe kuba hano muri uyu mwanya ndi uwawe! Amina.

†††

## **GUHIMBAZA**

Guhimbaza niyo nyishyu yanjye ihebuje ntanga ku bwiza bw’Imana. Kwemera kwanjye kw’Imana ari yo nkuru kandi nziza muri byose niryo shimwe ryanjye ku Mana ubwayo; niko guhimbaza kwanjye ku mana yonyine; niyo nshingano yanjye nyakuri ku Mana; ni bwo buryo buhebuje bwo kwereka Imana ibyishimo byanjye, nibwo buryo bwereka Imana ishimwe ryanjye. Ni bwo buryo nyakuri mfite bwo gukomeza kongera ubumenyi busesuye ku Mana, kamere yayo, ndetse no kugiraneza kwayo. Uburyo bwo kwizerwa bumfasha kugira ubuntu n’imbabazi by’Imana mu buzima bwiza bw’umwuka nibwo buryo bwo kwiha Imana bivuye ku mutima. “Ahimbazwe uwera usumba byose.”  
(Indirimbo ya Oremus)

†††



Uhimbazwe Mugenga, Mana ushobora byose, ku bw' uwo uriwe. Icyubahiro kube icyawe Data, Mwana, n'Umwuka wera, muri jye. Nkuko byahoze kera na n'ubu n'iteka ryose. Amina.

†††

Uwahawe umugisha, uwera, ubutatu bwera butagabanije, Imana imwe mu butatu, Data, Rurema, Rugira, Aba, Mukiza, Mwenedata, Mukunzi, Inshuti, Umugeni, Umugabo, Ushobora byose kandi udusabira, Mwuka, Mutanga imbaraga, Uweza, Butatu iteka ryose urihano muri uyu mwanya—waravuze biraba. Warategetse birakoreka. Ubeshaho byose. Utegeka byose. Urimo gukora ibyo wagambiriye. Amina.

†††

Uri urukundo. Uri ubuzima kandi ni wowe soko y'ubuzima bwose ndetse ni wowe nkingi y'urukundo nyakuri. Uri mwiza bihebuje, uri umunyembaraga kurusha bose, urera kurusha bose, uri mwiza kurusha bose, Imana nkuru, uhoraho kandi munyakuri, utabera kandi nyirubutabera, munyempuwe kandi nyirimpuwe. Uca imanza zitabera. Ntabwo uhinduka, ntabinyoma ugira, kandi ntawe muhwanye. Inzira zawe ntabwo ari inzira zanjye, ariko uri hano muri uyu mwanya kandi uhora uri muri jye, hamwe na jye, kugira ngo umfashe. Intekerezo zawe ntabwo ari intekerezo zanjye, ariko uhora untekerezaho mu rukundo. Amina.

†††

Mana yera, uri urukundo, uri ubuzima, kandi uri isoko y'ubuzima bwose. Urakoze kuko uri mahoro, mukiza, kandi uri uburuhukiro.

Umuriro ukongora, umuyaga usenya, umutingito ukaze, ijwi rito rikomeza kubirinda byose. Muyobozi, utuyobara mu ntekerezo nziza, uvuga amagambo y'ukuri, ufasha ibikorwa byiza, uri isoko yo kwera n'ubuntu, ugira ukuri kose, werekana ukuri, kandi utanga urukundo. Amina.

†††

Uhimbazwe Mana, uri umusozi waka, uri igihuru cyaka, indakemwa, uratuje, ufite amahoro, ni wowe wenyine urinda by'ukuri, urera rwose. Uwera, uwera, uwera, uri Imana igenga umunsi wo kuruhuka, nyir'urukundo wenyine, uwera uzira ikizinga, bwiza butagira ingano, rurabo rurabagirana, ikigega cy'ibyishimo, uwahimbajwe n'abakerubimu n'abaserafimu, abamarayika n'abamarayika bakuru ndetse n'ibiri mu ijuru byose biragupfukamira bikuramya kandi biguhimbaza ubudasiba. Natwe tuzaguma muri wowe kubw'ibitangaza byawe, urukundo, no guhimbaza. Ni wowe soko y'imigisha yose, inyoko muntu yaguturutseho, ni wowe ukiza indwara zose, ni wowe waduhaye kandi ukomeza kudufasha m'ubumuntu bwacu. Amina.

†††

Wavuye ubumuga bwanjye, uzi imibabaro yanjye, mukiza w'indwara zanjye, umbabarira ibyaha byanjye, unshizamo ubuzima bwanjye—none, kera, n'ibihe bizaza. Uri indakemwa mu rukundo rwose, utanga urukundo ruhora ari rushya, uhoraho iteka ryose. Iteka n'iteka uri umucunguzi wacu, ugira imbabazi. Amina.

†††

Mukunzi—uri mwiza muri byose—uri mwiza rwose muri byose. Uhimbazwe, Mana mugenga, ku bw'uwo uri we, ku bw'ibyho wakoze muri jye, ku bw'ibyho wankoreye, no ku bw'ibyho wankoresheje, ku bw'ibyho uzankorera, ndetse no ku bw'ibyho urikunkorera mur'uyu mwanya. Amina.

†††

Mwami Mana wararemye, urandema kandi uzakomeza kumpindura. Uri hano nk'uko uri kandi nk'uko uzahora. Halleluya! Hozana! Amina.

†††

Urakoze Mwami Yesu, warapfuye, urahambwa, uduha iherezo ryiza. Urakoze ku bw'umusaraba, igiti cyerekana ubwiza, ubwiza bwose, igitambo cyose, umwanya wose wo kwerekana urukundo n'umurimo, ku bw'inyungu nyinshi ziboneka mu gusenga twizihiza urupfu n'izuka byawe, ku bw'imirimo ya gahunda y'amateraniro, kubwiriza, kwihana, ku bw'ubuntu nyakuri buboneka mu mubatizo, ku bw'ibyiza by'ubuzima, ku bw'umuyaga, inyanja n'ikirere, ku bw'umucyo n'umwijima, ku bw'imvura n'izuba, umuriro, urubura, ku bw'amanywa n'ijoro, ku bw'impano zose zo gusenga mu mutuzo no mu rwiherero, ku bw'impano zose z'urukundo no gusabana, ku bwo kwizera, ibyiringiro, n'urukundo, ku bw'urukundo no kwiringira by'umuntu ukiri muto. Amina.

†††

Yesu yaravuze, “Hariho unkozeho: kuko menye ko imbaraga imvuyemo.” (Luka 8:46)  
Mwami, ngukozeho muri uyu mwanya mu guhimbaza kudakwiriye, mu rukundo  
rudakomeye no mu kwihana kurimo ubwoba. Mwami, reka bibe, reka urukundo  
n’amahoro byawe bisesekare muri jye. Uhimbazwe Mwami. Mwami ndakwizeye,  
ndakwiringiye. Imana iri hamwe nanjye muri uyu mwanya, iri mu guhimbaza kwanjye,  
iri hafi kurusha umwuka mpumeka, iri hafi kurusha ibiganza n’ibirenge byanjye. Imana  
yarandemye ngo nyikorere. Navuye ku Mana. Ndi uw’Imana. Njya ku Mana. Imana  
iranzi neza. Imana irankunda wese. Imana ifite icyo iteganya kunkoresha—hano, uyu  
mwanya, iteka ryose. Amina.

†††

Tuza, itonde, hanyuma utekereze kuri ibi bintu:  
Umusaraba—ibyiringiro byacu bisa  
Kuzuka—buzima bwacu bushya  
Pentekote—Mwuka aba muri twe.

†††

Urakoze Mwami Mana, ku bw’umusaraba, kuzuka, impano y’umwuka, kuzamurwa,  
umubatizo, ifunguro ryera, kwihana, imyizerere isesuye, amahoro muri twe, amahoro mu  
mibanire y’abantu n’abandi, mu gukunda kose no mu rukundo, mu rukundo rwose  
wampaye, urukundo rwose nasangiye n’abandi, abarimu banjye bose, abashumba  
n’abamfashije bose (*reka kuvuga umwanya muto hanyuma ubavuge amazina*)

†††

Urakoze ku bw'impano y'ubuzima, kubw'ibyho nabonye mur'ubu buzima (*reka kuvuga umwanya muto hanyuma ubare imigisha yawe wabonye*). Urakoze kubw'impano y'umubiri, ubwenge, n'umwuka. Urakoze ku bw'iyobera rishimishije ry'umubiri n'umwuka no kubw'igitangaza n'ubwiza bw'umubiri w'umuntu. Urakoze ku bw'abakozi berejwe umurimo wawe ndetse n'abalayiki. Urakoze ku bw'imigisha waduhaye mu mirimo yacu, ku bw'abaduteye ingabo mu bitugu, bakatuyobora ndetse bakatwigisha, ku bw'abadushakaho inama, icyerekezo, no kwihana. Amina.

†††

Abera bose b'Imana, munsengere; mwebwe abamarayika bose b'Imana, munsengere kandi murusheho kundinda. Mukundwa, marayika wera murinzi, wowe akenshi nibagirwa kandi nkakubabaza, umbabarire kandi unsengere kugira ngo ngire imbaraga kandi nitegure urugamba. Amina.

†††

Mwuka wera, Mwami mutanga bugingo, waje kandi ugakingiriza uwahawe umugisha isugi Mariya kugira ngo ahinduke nyina w'umwami n'umukiza wacu, Yesu Krisito. Ushimwe.

Ndagusaba kugira ngo ukomeze ukorere mu mutima wanjye kugira ngo unyuzuzemo ubumuntu bw'uwacunguwe. Ndagusaba ngo umpe k'umutima we w'urukundo kugira ngo ngire urukundo rugurumana ku Mana data no ku bantu bose: abagabo n'abagore. Umpe ku byishimo n'umubabaro bye, ku munaniro n'imbaraga bye, ku murimo we wo gucungura isi.

Ndasaba ngo Mariya, uwahawe umugisha mu bagore bose, nyina w'umwami wacu, ansabire kugira ngo Yesu abe muri jye kugira ngo mu mutima no mu gushaka kwanjye mbe hamwe na Yesu Krisito, Imana n'umuntu nyakuri, umwana we, Umwami n'umukiza wacu. Amina.

†††

Unyobore Mwami, kuva nk'ivuka kugera mu buzima bushya, kuva mu binyoma ungeze mu kuri, kuva mu kwiheba ungeze mu byiringiro bibatura, kuva mu bwoba ungeze mu kwizera kutagabanije, kuva mu nzangano ungeze mu rukundo rugiraneza, kuva mu ntambara ungeze mu mahoro. Reka amahoro, amahoro yawe, yuzure umutima wanjye, isi yacu, ikirere cyacu. Amina.

†††

Umwami wacu Yesu aravuga, “mwisanzure muri njye, hamwe nanjye, ku bwanjye.”

Humekera muri njye, Mwuka Wera wahawe umugisha, kugira ngo ntekereze ibitekerezo byera; unyobore, Mwuka Wera, kugira ngo ngendere by'ukuri muri Yesu, we nzira no kugira ngo ibikorwa byanjye byose byere. Nyigarurire, Mwuka Wera, kugira ngo mpange amaso Data kandi ntange umucyo. Undinde, Mwuka Wera, kugira ngo ndinde ikintu cyose cyera. Umbane, Mwuka Wera, kugirango ntatakaza impano yawe yo kwera. Amina.

†††

Ngwino, Mwuka Wera, unyuzure kandi wuzure abantu bawe bose. Urusheho kwatsa umuriro w'urukundo rwawe. Fata umutima wanjye, Mwami Mana, Yesu Krisito, kuko ku bwanjye ntashobora kuwuguha. Rinda umutima wanjye, Mwami Mana, Yesu Krisito, kuko ku bwanjye ntashobora kuwukurindira. Yesu, mungenga, reka bakurebe kandi bakumve mu gihe ari njye bareba kandi bumva. Aleluya. Amina.

†††

Umpe, Mwami Mana nziza, kugukunda bikomeye wowe wenyine. Akira iby'ushaka byose, ariko utume nguma iruhande rwawe.

Unger muri jye urukundo rwa Yesu, umwana wawe, umwami n'umukiza wanjye, kandi ku bw' isugi Mariya wahawe umugisha, umubyeyi we n'uwanjye, no ku bw'abaturanyi banjye bo hafi naba kure, twese twaremwe mu ishusho yawe; wongere urukundo rwacu. Mwami Mana, unyumvane ubuntu bwawe. Amina.

†††

Mwami Mana, njye na benedata na bashiki bacu bose bo mu itorero ry'Abangilikani risesuye uduhe umwuka wawe wera mu mbaraga ikomeye, kubw'ubuzima bwacu, amasengesho, n'umurimo. Duhe kumenya ubushake bwawe kandi udufashe kwemera impinduka zose uzashaka ko ziba muri twe.

Urakoze ku byo waduhaye byose kugeza kuri uyu muni wa none, urakoze kandi ko wadukuyemo ubwoba. Uduhe ubuntu bwo kwakira ibyo udutegeka gukora byose.

Mwami, ngushyize imbere benedata na bashiki banjye bose. Umpe kandi nabo ubahe ugushaka, inzara n'inyota kugirango tukwihe by'ukuri no kugira ngo turusheho kubaha by'ukuri Yesu Krisito umwami wacu no kukubaha, Data, tubinyujije muri we no mu Mwuka Wera, icyubahiro cyose no guhimbaza bibe ibye. Amina.

†††

Mwami, ohereza mu mitima yacu Umwuka wawe wera. Turamusaba guhora ayobora no kugenga imitima yacu hakurikijwe gushaka kwawe. Uduhe imbaraga kandi utubane mu bikomeye no mu nsinzi.

Uturwaneho kandi uturinde ibibi no kuyoba kose kandi utuyobore mu kuri kuri muri Krisito Yesu, Umwami wacu, uriho kandi akaba ateguka hamwe nawe n'umwuka, Imana imwe, iteka n'iteka kugeza ku mpera z'ibihe. Amina.

†††

Gushimwa ni ukwawe, Mwami Mana, ku bw'umurimo wawe wo kurema, gucungura, no kweza, ku bw'ibyanditswe byera, no ku bw' amasakaramentu.

Urakoze ku bw'ubusabane bw'abizera, ku bw'ubuntu mu masengesho, kubw'uyu munsi ukiri ku manywa, ku bw'uyu munsi kuko ari wo wonyine duhora dufite, ku bw'aha na hariya. Ndagusaba ubuntu bwawe ngo nkoreshe iki gihe neza kandi ndagusaba guha umugisha aha hantu.

Urakoze ku bw'ibyiza byo kuryama, icumbi, ibyo kurya, imyambaro, no kwishimisha. Urakoze ku bw'umwanya wo gukora umurimo wawe, ku bw'ubwiza buboneka mu bintu waremye, mu bantu, mu bukorikori, mu ndirimbo, mu bihangano, mu buvanganzo, ku bw'imigisha yose yo muri ubu buzima hano no muri uyu mwanya, ku bw'uko ndi muzima, ku bw'uwo ndiwe, ku bw'itorero ry'Imana, ku bw'Itorero ry'Abangilikani risesuye, ku bw'aha hantu, ku bwo guhimbaza k'uyu munsi, ku bw'imyizerere isesuye, ku bw'abayobozi banjye, abanyihanishaho, ku bw'abaganga b'amenyo, ku bw'abandi baganga, abafasha b'abaganga n'abandi bita kubafite intege nke. Amina.

†††



Mana yanjye, unyumve kugira ngo uncungure kandi unyezeho icyaha cyose kugira ngo mbe mubuzima bwa Yesu Krisito mu mbaraga y'Umwuka Wera no mu cyubahiro cy'Imana data. Amina.

†††

Mwami, ndagushima ku bw'ivuka ryawe, ku bwo kudusesekazaho Umwuka Wera mu cyubahiro cy'Imana data, ku bwo kuzuka k'umwami, ku bw'umunsi w'icyumweru n'amateraniro y'uwo munsi ndetse n'ubusabane bw'abakrisito, ku bw'ibyiringiro by'ijuru, ku bw'ibyiringiro by'icyubahiro, ku bw'umwanya wo gusenga no guhimbaza, ku bw'ibyahishuwe biri mu byanditswe byera, ku bw'ubuzima bwo gusenga, ku bw'abantu bose bakora umurimo kandi bamfashije mu mirimo yabo—umuryango, inshuti, abafasha, abihana, abayobozi, abaganga, abaganga b'amenyo, ku bw'abantu bose banyitaho. Ndagushima ku bw'ibyo nahawe byose kuva mu bwana bwanjye, mu busore, muri uyu mwanya n'aha hantu. Amina.

†††

Urakoze, Data, ku bw'urukundo werekenye mu mwana wawe, ku bw'isugi Mariya wahawe umugisha, kuko muri Yesu mfitiyemo ibyiringiro, urukundo, n'ubuzima. Yesu, Mwami, ni wowe byiringiro byanjye, mukunzi wanjye, ubuzima bwanjye, no guhinduka kwanjye. Urakoze, Mwami, ku bw'ubuzima bwanjye. Amina.

†††

Turaguhimbaza, Mana ikomeye, ku bw'Umwaka Wera n'impano ze, ku bw'ibyo tubona zikora muri twe, ku bw'ubuntu bwazo mu itorero ndetse no muri njye, ku bw'umubatizo wanjye, ku bwo gukomezwa kwanjye, ku bw'ubuntu bwo kwerezwa umirimo mu itorero, ku bw'ubuzima bwose bwera, ku bw'icyubahiro, iyerekwa, ibyiza byabayeho, ku bw'ibimenyetso by'ibyiringiro, ku bw'ububyutse mu itorero, ku bwo gukira indwara n'indi migisha, ku bw'ubuntu nahawe, ku bw'ibimenyetso by'ibyiringiro, ku bw'ubwiza bw'indabo n'inanyi, ku bw'itumba n'icyi, ku bw'imvura, ku bw'inyanja, ikirere n'inanyeri. Ku bw'indirimo, ku bwo gusoma inyandiko z'umwuka, ku bw'ibitabo, ku bwo kwidagadura, turagushima, Mwami.

†††

Mwami wo mu ijuru, umufasha, Mwuka w'ukuri n'urukundo, uri ahantu hose. Wuzura ibintu byose byiza. Ni wowe utanga ubuzima kandi uri ububiko bw'imigisha. Ngwino wibere muri njye, umpanagureho gukiranirwa kose, kandi mu buntu bwawe bwiza unkize uyu muni n'iteka ryose. Amina

†††

Ngwino, Mwuka Wera, ngwino nk'ururimi rw'umuriro, ngwino nk'umuriro, ngwino, Mwami, ngwino, Mwuka Wera. Igisha ururimi rwanjye, uyobore ubwenge bwanjye, kandi uhe umutima wanjye imbaraga mu gihe ngukeneye cyane. Nyigisha kukuvuga kandi nkuvugire. Umfashe kugira ngo nguhimbaze by'ukuri. Nyereka uko nayobora abantu kuri Data, ku bwawe kandi muri wowe, Mwami, Mana, Mwuka Wera. Amina.

†††